

**IMIRONGO NGENDERWAHO MU
KUBERA UMUBYEYI UMWANA
UTABYAYE KU RWEGO
MPUZAMAHAHANGA**

**GUIDELINES ON INTERCOUNTRY
ADOPTION**

**LIGNES DIRECTRICES EN MATIERE
D'ADOPTION INTERNATIONALE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iyi mirongo
ngenderwaho igamije**

Article One: Purpose of these guidelines

**Article Premier: Objet des présentes lignes
directrices**

Ingingo ya 2: Inyungu z'umwana

Article 2: Best interests of the child

Article 2: Intérêts supérieurs de l'enfant

**Ingingo ya 3: Umubyeyi uhabwa umwana
mbere y'abandi mu kubera umubyeyi
umwana utabyaye**

Article 3: Priority parent in adoption

**Article 3: Parent prioritaire en matière
d'adoption**

**Ingingo ya 4: Abana baherwaho mu
gushakirwa ababyeyi**

**Article 4: Priority children in seeking
adoption**

**Article 4: Enfants prioritaires dans la
recherche d'adoption**

**Ingingo ya 5: Inshingano zihariye za Komisiyo
y'Igihugu ishinzwe Abana**

**Article 5: Particular responsibilities of the
National Commission for Children**

**Article 5: Attributions spéciales de la
Commission Nationale pour les Enfants**

**Ingingo ya 6: Gutegura umwana mbere yo
kumushakira umubyeyi**

**Article 6: Preparing the child before
searching for the adoptive parent**

**Article 6: Préparer l'enfant avant de
chercher un parent adoptif**

**Ingingo ya 7: Dosiye y'umwana ushakirwa
umubyeyi**

Article 7: File of the adoptable child

Article 7: Dossier de l'enfant à adopter

**Ingingo ya 8: Ibigize raporo y'isesengura rya
dosiye y'umwana ushakirwa umubyeyi**

**Article 8: Content of the analysis report of
the file of the adoptable child**

**Article 8: Contenu du rapport d'analyse du
dossier de l'enfant à adopter**

**Ingingo 9: Ibisabwa uwemerewe kubera
umubyeyi umwana atabyaye**

**Article 9: Requirements of the prospective
adoptive parent**

**Article 9: Conditions exigées au futur
parent adoptif**

<u>Ingingo 10:</u> Ibigize icyemezo gihabwa umubyeyi wemerewe kugira umwana uwe ataramubyaye	<u>Article 10:</u> Contents of the certificate issued to the approved prospective adoptive parent	<u>Article 10:</u> Contenu du certificat délivré au futur parent adoptif approuvé
<u>Ingingo ya 11:</u> Ibigize icyemezo gihabwa umubyeyi wamenyesheje Komisiyo icyemezo cy'urukiko	<u>Article 11:</u> Contents of the certificate issued to the parent who informed the Commission of the court decision	<u>Article 11:</u> Contenu du certificat délivré au parent qui a informé la Commission de la décision judiciaire
<u>Ingingo ya 12:</u> Ibisabwa nyuma yo kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga	<u>Article 12:</u> Post intercountry adoption requirements	<u>Article 12:</u> Exigences après l'adoption internationale
<u>Ingingo ya 13:</u> Dosiye zerekeye kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga	<u>Article 13:</u> Records on the intercountry adoption	<u>Article 13:</u> Dossiers sur l'adoption internationale
<u>Ingingo ya 14:</u> Ibyishyurwa mu kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga	<u>Article 14:</u> Expenses related to intercountry adoption	<u>Article 14:</u> Dépenses relatives à l'adoption internationale
<u>Ingingo ya 15:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iyi mirongo ngenderwaho	<u>Article 15:</u> Repealing provision	<u>Article 15:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 16:</u> Igihe iyi mirongo ngenderwaho itangira gukurikizwa	<u>Article 16:</u> Commencement	<u>Article 16:</u> Entrée en vigueur

**IMIRONGO NGENDERWAHO MU GUIDELINES ON INTERCOUNTRY LIGNES DIRECTRICES EN MATIERE
KUBERA UMUBYEYI UMWANA ADOPTION D'ADOPTION INTERNATIONALE
UTABYAYE KU RWEGO
MPUZAMAHANGA**

IRANGASHINGIRO

PREAMBLE

PREAMBULE

Minisitiri w'Uburunganire n'Iterambere ry'Umuryango;

Minister of Gender and Family Promotion;

Ministre du Genre et de la Promotion de la Famille;

Amaze kubona ko hakenewe gushyirwaho imirongo ngenderwaho mu kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga;

Having noticed the need to set up guidelines on intercountry adoption;

Après avoir constaté la nécessité de mettre en place les lignes directrices en matière d'adoption internationale;

ATANZE IMIRONGO NGENDERWAHO IKURIKIRA:

ISSUES THE FOLLOWING GUIDELINES:

EMET LES LIGNES DIRECTRICES SUIVANTES:

Ingingo ya mbere: Icyo iyi mirongo ngenderwaho igamije

Article One: Purpose of these guidelines

Article Premier: Objet des présentes lignes directrices

Iyi mirongo ngenderwaho igamije kunoza uburyo bwo kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga.

The purpose of these guidelines is to harmonize the process of intercountry adoption.

Ces présentes lignes directrices ont pour objet d'harmoniser le processus d'adoption internationale.

Ingingo ya 2: Inyungu z'umwana

Article 2: Best interests of the child

Article 2: Intérêts supérieurs de l'enfant

Umubyeyi ugize umwana uwe ataramubyaye agomba kumwitaho ku buryo butadindiza imibereho ye.

Any adoptive parent must take care of the child in a way that does not inhibit the welfare of the child.

Le parent adoptif doit prendre soin de l'adopté de manière à favoriser ses conditions de vie.

Ingingo ya 3: Umubyeyi uhabwa umwana mbere y'abandi mu kubera umubyeyi umwana utabyaye

Umubyeyi utuye mu gihugu cyasinye cyangwa cyemeye burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeranye no kurinda abana no gufatanya mu byerekeranye no kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga yashyiriweho umukono i La Haye mu Buholandi ku wa 29 Gicurasi 1993 agira uburenganzira mbere y'abandi bwo kubera umubyeyi umwana ataramubyaye mu Rwanda.

Iyo umwana afite abavandimwe, umubyeyi uhabwa amahirwe kurusha abandi ni ushaka kubabera umubyeyi bose.

Umubyeyi utuye mu gihugu cyemera ubwengihugu bubiri ahabwa amahirwe kurusha abandi.

Ingingo ya 4: Abana baherwaho mu gushakirwa ababyeyi

Abana baba mu bigo bibitaho cyangwa ababa mu miryango yabakiriye mu buryo bw'agateganyo ni bo baherwaho mu gushakirwa ababyeyi babagira ababo batarababyaye ku rwego mpuzamahanga.

Article 3: Priority parent in adoption

Any parent from a member of the State that signed, ratified or acceded to the Hague Convention of 29 May 1993 on Protection of Children and Co-operation in Respect of Inter-country Adoption is given preferential right on adoption in Rwanda.

If a child has siblings, the parent who intends to adopt all of them is given priority.

Any parent living in a country that accepts dual nationality is given priority.

Article 4: Priority children in seeking adoption

Children who live in children's homes and provisional foster families are given priority while seeking parents in inter-country adoption.

Article 3: Parent prioritaire en matière d'adoption

Un parent en provenance des pays ayant signé, ratifié ou accédé à la Convention de La Haye du 29 mai 1993 sur la protection des enfants et la coopération en matière d'adoption internationale a le droit préférentiel dans l'adoption au Rwanda.

Lorsqu'un enfant a des frères et sœurs, la priorité est accordée au parent qui désire les adopter tous.

Un parent vivant au pays qui admet la double nationalité est prioritaire.

Article 4: Enfants prioritaires dans la recherche d'adoption

Les enfants vivant dans les foyers d'enfants ou dans les familles d'accueil sont prioritaires dans la recherche des parents en matière d'adoption internationale.

Ingingo ya 5: Inshingano zihariye za Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana

Mu kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga, Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana (Komisiyo) ifite inshingano zihariye zikurikira:

- 1° gutanga amakuru ku bijyanye no kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga ku bantu bose bayakeneye;
- 2° kugenzura ko umwana yujuje ibisabwa kugira ngo agirwe umwana n'umubyeyi utaramubyaye no kugenzura ko biri mu nyungu ze;
- 3° kugira inama abantu bose bagira uruhare mu kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga no kubagaragariza inkurikizi zabyo;
- 4° kugaragaza abana bujuje ibisabwa kugira ngo bashakirwe ababyeyi babagira ababo batarababyaye ku rwego mpuzamahanga;
- 5° gushyikiriza Minisiteri ifite kurinda abana mu nshingano zayo, buri gihembwe, raporo ikubiyemo amakuru ku biri gukorwa byose mu kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga.

Article 5: Particular responsibilities of the National Commission for Children

With regard to the intercountry adoption, the National Commission for Children (the Commission) has the following particular responsibilities:

- 1° to provide information on the intercountry adoption to any person who needs it;
- 2° to assess whether the child fulfills requirements for being adopted and to verify whether it is in his/her best interest;
- 3° to advise all the persons involved in the intercountry adoption and to identify for them the related effects;
- 4° to identify children who fulfill the requirements for inter-country adoption;
- 5° to submit to the Ministry in charge of child protection a quarterly report on the implementation of intercountry adoption.

Article 5: Attributions spéciales de la Commission Nationale pour les Enfants

En matière d'adoption internationale, la Commission Nationale pour les Enfants (la Commission) a les attributions spéciales suivantes:

- 1° fournir des informations en rapport avec l'adoption internationale à toutes les personnes qui en ont besoin;
- 2° évaluer si l'enfant remplit les conditions pour être adopté et vérifier si c'est dans son intérêt supérieur;
- 3° conseiller toutes les personnes concernées par l'adoption internationale et leur montrer les effets y relatifs;
- 4° identifier des enfants remplissant les conditions pour l'adoption internationale;
- 5° transmettre au Ministère ayant la protection des enfants dans ses attributions le rapport trimestriel concernant la mise en œuvre de l'adoption internationale.

Ingingo ya 6: Gutegura umwana mbere yo kumushakira umubyeyi

Bitewe n'ikigero umwana agezemo, Komisiyo igomba kumuha amakuru n'umwanya uhagije wo gutanga ibitekerezo ku bijyanye no kugirwa umwana n'umubyeyi utaramubyaye ku rwego mpuzamahanga kandi bikitabwaho mu gihe bifite ishingiro.

Komisiyo igomba kandi kuganiriza umubyeyi w'umwana, umwishingizi we cyangwa undi muntu umurera ku buzima bw'umwana mu gihe ategurwa kugirwa umwana n'umubyeyi utaramubyaye.

Nyuma yo gutegura umwana Komisiyo igomba gukora raporo ishingirwaho mu kwemeza niba inzira yo gushakirwa umubyeyi ikomeza cyangwa ihagarara.

Mu gihe hemejwe ko inzira yo gushakira umwana umubyeyi ikomeza, Komisiyo yongera gusura umwana mu muryango cyangwa mu kigo arimo kugira ngo imuhe amakuru, inakomeza kumutegura ku birebana n'ukugirwa umwana n'umubyeyi n'utaramubyaye.

Article 6: Preparing the child before searching for the adoptive parent

Depending on his/her age and ability, the Commission must provide the child with the information on the intercountry adoption and adequate time to give his/her opinion on intercountry adoption and to be considered when they are relevant.

The Commission must also consult the biological parent of the child or guardian on the welfare of the child during the process of adoption.

After the child preparation, the Commission must prepare a report that serves as the basis of the continuation or the cancellation of the adoption process.

In case the decision to continue with the adoption process is adopted, the Commission revisits the child in his/her family or the institution in which he/she lives in order to provide him/her with information and continues to prepare him/her on the adoption.

Article 6: Préparer l'enfant avant de chercher un parent adoptif

Selon son âge et son aptitude, la Commission doit tenir l'enfant informé sur l'adoption internationale et lui laisser du temps suffisant pour donner son opinion sur l'adoption internationale et considérer ses opinions lorsqu'elles sont fondées.

La Commission doit également consulter le parent biologique de l'enfant, son tuteur ou toute autre personne qui lui assure la garde sur les conditions de vie de l'enfant pendant le processus d'adoption.

Après la préparation de l'enfant, la Commission doit élaborer le rapport qui sert de base pour décider de poursuivre la procédure d'adoption ou de l'arrêter.

Au cas où la décision est de continuer le processus d'adoption, la Commission rend visite encore une fois à l'enfant dans sa famille ou l'établissement qui l'abrite pour lui fournir des informations et continuer à le préparer pour l'adoption.

Ingingo ya 7: Dosiye y’umwana ushakirwa umubyeyi

Dosiye y’umwana ushakirwa umubyeyi umugira uwe ataramubyaye ku rwego mpuzamahanga igomba kuba igizwe n’ibi bikurikira:

- 1° ifoto ndende kandi ya vuba y’umwana;
- 2° inyandiko y’ivuka y’umwana;
- 3° icyemezo cy’ubwishingire cyatanzwe n’ubuyobozi bubifitiye ububasha, iyo ari ngombwa;
- 4° inyandiko y’ukwiyemerera kw’ababyeyi yemejwe n’ubuyobozi bw’Umurenge, iyo bahari;
- 5° inyandiko y’ukwiyemerera k’umwana, iyo afite hejuru y’imyaka cumi n’ibiri (12);
- 6° raporo y’urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano zarwo, iyo ihari;
- 7° raporo y’urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano zarwo igaragaza ko hashakishijwe amakuru ku babyeyi b’umwana cyangwa abandi bo mu muryango we;

Article 7: File of the adoptable child

The file of the adoptable child in intercountry adoption must be composed of the following:

- 1° a recent long photo of the child;
- 2° a birth record of the adoptable child;
- 3° a certificate of guardianship issued by the competent authority, if necessary;
- 4° written consent of the parents approved by the authority of the Sector, if any;
- 5° the adoptable child’s consent if the child is above twelve (12) years old;
- 6° a report from the organ in charge of investigation on the child’s abandonment, if applicable;
- 7° a report from the organ in charge of investigation done on the child’s family or other members of his/her family;

Article 7: Dossier de l’enfant à adopter

Le dossier de l’enfant à adopter dans l’adoption internationale doit être composé de ce qui suit:

- 1° une récente longue photo de l’enfant;
- 2° un acte de naissance de l’enfant;
- 3° une attestation de tutelle délivrée par l’autorité compétente, si nécessaire;
- 4° le consentement écrit des parents certifié par l’autorité de Secteur, s’il y en a;
- 5° le consentement de l’enfant à adopter s’il est âgé de plus de douze (12) ans;
- 6° le rapport de l’organe ayant l’investigation dans ses attributions sur l’abandon de l’enfant, le cas échéant;
- 7° le rapport de l’organe ayant l’investigation dans ses attributions concernant les parents de l’enfant à adopter ou les autres membres de sa famille;

8° raporo yemejwe n'ubuyobozi bw'Umurenge igaragaza amakuru ajyanye n'uko umwana yagiye abaho mu bihe binyuranye;

9° icyemezo kigaragaza ko ababyeyi b'umwana bapfuye, iyo batakiraho;

10° icyemezo cy'urukiko kigaragaza ko ababyeyi b'umwana bazimiye, batazwi cyangwa ko bamutaye, iyo ari ngombwa;

11° icyemezo cyerekana ubuzima bw'umwana kitarengeje amezi atatu (3) cyatanzwe na muganga wemewe na Leta.

Ingingo ya 8: Ibigize raporo y'isesengura rya dosiye y'umwana ushakirwa umubyeyi

Raporo ikorwa mu gusesengura dosiye y'umwana ushakirwa umubyeyi igomba kugaragaza ibi bikurikira:

1° umwirondoro w'umwana;

2° amakuru ku babyeyi, umuryango n'abandi bafitanye isano n'umwana;

3° amakuru yatanzwe n'ubuyobozi bw'Umurenge cyangwa ikigo umwana arererwamo ku bijyanye n'uko umwana yagiye abaho mu bihe binyuranye;

8° a report on the historical background of the child approved by the Sector authority;

9° a death certificate of parents of the adoptable child, if they are dead;

10° a court's declaration indicating that the child's parents are unknown, have disappeared or have abandoned him/her, if necessary;

11° a child's medical certificate issued by a recognized doctor not exceeding three (3) months validity.

Article 8: Contents of the analysis report of the file of the adoptable child

The analysis report of the adoptable child's file must identify the following:

1° identification of the adoptable child;

2° information on the historical background on parents, his/her family or any other relatives of the child;

3° information on the historical background of the adoptable child issued by the Sector authority or the

8° le rapport du passé de l'enfant approuvé par l'autorité de Secteur;

9° une attestation de décès des parents biologiques de l'enfant à adopter, s'ils sont morts;

10° une déclaration judiciaire indiquant que les parents de l'enfant sont inconnus, disparus ou qu'ils l'ont abandonné, si nécessaire;

11° une attestation médicale de l'enfant délivrée par un médecin agréé ne dépassant pas trois (3) mois.

Article 8: Contenu du rapport d'analyse du dossier de l'enfant à adopter

Le rapport d'analyse du dossier de l'enfant à adopter doit identifier ce qui suit:

1° identification de l'enfant;

2° information sur le passé des parents, de la famille ou des autres proches de l'enfant;

3° information sur le passé de l'enfant délivrée par l'autorité du Secteur ou l'établissement qui l'abrite;

	institution in which he/she lives;	
4° amakuru ku buzima bw'umwana yemejwe na muganga wemewe na Leta;	4° information on the health status of the child certified by a recognized doctor;	4° informations sur l'état de santé de l'enfant à adopter approuvé par un médecin agréé;
5° andi makuru y'ingenzi;	5° any other relevant information;	5° toute autre information importante;
6° umwanzuro.	6° conclusion.	6° la conclusion.

Ingingo 9: Ibisabwa uwemerewe kubera umubyeyi umwana atabyaye

Umubyeyi wemerewe na Komisiyo kugira umwana uwe ataramubyaye agomba kugaragaza ko abyemeye mu nyandiko yemezwa n'urwego rubishinzwe mu gihugu kizakira umwana.

Umubyeyi wemerewe kugira umwana uwe ataramubyaye agomba kandi kuza mu Rwanda mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uhereye umunsi yakiriyeho igisubizo kimwemerera kugira ngo ahure n'umwana kandi yuzuze ibiteganywa n'amategeko.

Icyakora, mu gihe bibaye ngombwa ko umubyeyi asubira iwabo inzira zose ziteganyijwe zitarangiye, umuhagarariye cyangwa undi muntu yabihereye ububasha mu buryo bwanditse ashobora gukomeza inzira zisigaye. Igihe cyo gutwara umwana, umubyeyi agomba kugaruka ubwe kumutwara.

Article 9: Requirements of the prospective adoptive parent

The approved prospective adoptive parent by the Commission must, in writing, express his/her consent in a record through the competent authority of the receiving country.

The approved prospective adoptive parent must come to Rwanda within three (3) months from the date of the reception of the favorable response to meet the child and to fulfill legal requirements.

However, in case the parent returns to his/her country without finalizing all steps of adoption, his/her representative or the person with power of attorney may proceed with the remaining steps. The prospective adoptive parent must return in person to take the child.

Article 9: Conditions exigées au futur parent adoptif

Le futur parent adoptif approuvé par la Commission, doit exprimer par écrit son consentement avec le sous couvert de l'autorité compétente du pays d'accueil.

Le parent adoptif approuvé doit venir au Rwanda endéans trois (3) mois comptés à partir de la date de réception de la réponse favorable pour rencontrer l'enfant et remplir les formalités légales.

Toutefois, lorsque le futur parent adoptif retourne chez lui sans avoir terminé toutes les procédures d'adoption, son représentant ou son délégué avec procuration écrite peut continuer le processus. Le futur parent doit revenir en personne pour recevoir l'enfant.

Umubyeyi uje mu Rwanda agomba kuza yitwaje ibimuranga na kopi y'ibaruwa imwemerera umwana. Ashobora kujya gusura umwana aho aba, nyuma yo kubyemererwa na Komisiyo.

A prospective adoptive parent who comes to Rwanda must bring with him/her the identification documents with a copy of the authorization letter. He/she may visit the adoptable child upon the authorization of the Commission.

Le futur parent adoptif qui vient au Rwanda doit apporter les documents d'identification et une copie de la lettre d'autorisation. Il peut rendre visite à l'enfant sous la permission de la Commission.

Iyo umubyeyi atubahirije ibivugwa mu gika cya mbere, icya 2 n'icya 3 by'iyi ngingo, ubusabw bwe buteshwa agaciro.

In case the prospective adoptive parent does not fulfill the required conditions provided for in Paragraph One, 2 and 3 of this Article, his/her request is rendered invalid.

Lorsque le futur parent adoptif ne remplit pas les conditions mentionnées à l'alinéa premier, 2 et 3 du présent article, sa demande devient invalide.

Ingingo 10: Ibigize icyemezo gihabwa umubyeyi wemerewe kugira umwana uwe ataramubyaye

Article 10: Contents of the certificate issued to the approved prospective adoptive parent

Article 10: Contenu du certificat délivré au futur parent adoptif approuvé

Icyemezo gihabwa umubyeyi wemerewe kugira umwana uwe ataramubyaye kigomba kuba gikubiyemo ibi bikurikira:

The certificate issued to the prospective adoptive parent must contain the following:

Le certificat délivré au futur parent adoptif doit contenir ce qui suit:

1° umwirondoro w'umubyeyi;

1° the parent's identification;

1° l'identification du parent;

2° igihe yasabiye;

2° the date of application;

2° la date de la demande;

3° igihe yemerewe kugira umwana uwe ataramubyaye;

3° the date of the authorization of the adoption;

3° la date d'autorisation de l'adoption;

4° umwirondoro w'umwana yemerewe;

4° the child's identification;

4° l'identification de l'enfant;

5° umukono na kashi bya Komisiyo.

5° signature and the stamp of the Commission.

5° la signature et le cachet de la Commission.

Ingingo ya 11: Ibigize inyandiko ihabwa umubyeyi wamenyesheje Komisiyo icyemezo cy'urukiko

Umubyeyi ugira umwana uwe ataramubyaye wamenyesheje Komisiyo icyemezo cy'urukiko cyabaye ndakuka kimwemerera kuba umubyeyi w'umwana atabyaye ku rwego mpuzamahanga, ahabwa icyemezo ikubiyemo ibi bikurikira:

- 1° amafoto 2 magufi ya vuba y'ugizwe umwana n'utaramubyaye;
- 2° umwirondoro w'ugizwe umwana n'utaramubyaye;
- 3° umwirondoro w'uwemerewe kubera umubyeyi umwana ataramubyaye;
- 4° numero y'inyandiko yo kubera umubyeyi umwana utabyaye yakozwe n'umwanditsi w'irangamimerere n'igihe yakorewe;
- 5° numero y'urubanza n'urukiko rwemeje uko kubera umubyeyi umwana atabyaye n'itariki rwaciriwe.

Article 11: Contents of the certificate issued to the parent who informed the Commission of the court decision

The adoptive parent who informs the Commission of the final court decision approving the intercountry adoption is given a certificate containing the following:

- 1° two (2) recent passport sized photographs of the adopted child;
- 2° the identification of the adopted child;
- 3° the identification of the adoptive parent;
- 4° the number and the date of the adoption record drawn up by the civil registrar;
- 5° the number and the date of the judgment and the name of the court that approved the adoption.

Article 11: Contenu du certificat délivré au parent qui a informé la Commission de la décision judiciaire

Le parent adoptif qui informe la Commission de la décision judiciaire définitive approuvant l'adoption internationale, reçoit un certificat qui contient ce qui suit:

- 1° deux (2) photos passeport récentes de l'enfant adopté;
- 2° l'identification de l'enfant adopté;
- 3° l'identification du parent adoptif;
- 4° le numéro et la date de l'acte d'adoption dressé par l'officier de l'état civil;
- 5° le numéro et la date du jugement ainsi que le nom de la juridiction qui a homologué l'adoption.

Ingingo ya 12: Ibisabwa nyuma yo kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga

Nyuma yo kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga, Komisiyo ikomeza kuba umuhuza w'umwana n'umuryango akomokamo, igakomeza kumenyesha uwo muryango amakuru ye.

Iyo Komisiyo imenye ko umwana afite ikibazo, yandikira urwego rushinzwe gushyira mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga yerekeranye no kurinda abana no gufatanya mu byerekeranye no kubera umubyeyi umwana utabyaye mu gihugu cyamwakiriye, igasaba ko gikemurwa kandi ikamenyeshwa uko cyakemutse.

Ingingo ya 13: Dosiye zerekeye kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga

Komisiyo ibika ibyangombwa byose n'amadosiye arebana na buri mwana wagizwe umwana n'utaramubyaye ku rwego mpuzamahanga.

Umwana, umubyeyi we cyangwa uwamubereye umubyeyi ataramubyaye bashobora guhabwa kopi y'inwandiko zivugwa mu gika cya mbere

Article 12: Post intercountry adoption requirements

After the intercountry adoption, the Commission continues to play the role of intermediary between the adopted child and the biological family and the Commission shares all his/her information with this family.

In case the Commission is aware that the adoptive child has any problem, the Commission writes a letter to the central authority in charge of implementing the Hague Convention on protection of children and co-operation in respect of intercountry adoption of the receiving country, requesting for its resolution and to be given the feedback.

Article 13: Records on the intercountry adoption

The Commission preserves all documents and records pertaining to every adopted child on intercountry adoption.

The adopted child, the biological parent or the adoptive parent, on a written request, may receive a copy of documents referred to in

Article 12: Exigences après l'adoption internationale

Après l'adoption internationale, la Commission continue d'être l'intermédiaire entre l'enfant adopté et la famille biologique et de partager toutes les informations avec cette famille.

Lorsque la Commission prend connaissance d'un enfant adopté qui a un problème, elle dresse une lettre à l'autorité centrale chargée de la mise en application de la Convention de La Haye sur la protection des enfants et la coopération en matière d'adoption internationale du pays d'accueil, demandant qu'il soit résolu et qu'elle soit informée de la suite.

Article 13: Dossiers sur l'adoption internationale

La Commission conserve tous les documents et dossiers relatifs à chaque enfant adopté sur l'adoption internationale.

L'enfant adopté, le parent biologique ou le parent adoptif, sur demande écrite, peuvent recevoir la copie des documents visés à l'alinéa premier du présent article si c'est dans l'intérêt supérieur de l'enfant.

cy'iyi ngingo, mu gihe babisabye mu nyandiko kandi bikagaragara ko biri mu nyungu z'umwana. Paragraph One of this Article if it is in the best interest of the child.

Ingingo ya 14: Ibyishyurwa mu kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga

Amagarama y'urubanza n'ibindi byishyurwa mu kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga, byishyurwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Komisiyo ntiyishingira ikiguzi icyo ari cyo cyose cyangwa ibyakoreshywe mu nzira yo kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga.

Ingingo ya 15: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iyi mirongo ngenderwaho

Imirongo ngenderwaho mu kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga yo ku wa 23 Mata 2009 n'ingingo zose z'imirongo ngenderwaho zibanziriza iyi kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

Ingingo ya 16: Igihe iyi mirongo ngenderwaho itangira gukurikizwa

Iyi mirongo ngenderwaho itangira gukurikizwa ku muni yashyiriweho umukono.

Article 14: Expenses related to intercountry adoption

Court fees and other expenses relating to intercountry adoption are paid in accordance with relevant laws.

The Commission does not take any responsibility related to the costs or expenses incurred during the intercountry adoption process.

Article 15: Repealing provision

Guidelines on intercountry adoption of 23 April 2009 and all prior guidelines contrary to these guidelines are repealed.

Article 16: Commencement

These guidelines come into force on the date of their signature.

Article 14: Dépenses relatives à l'adoption internationale

Les frais de justice et d'autres dépenses en rapport avec l'adoption internationale sont payés conformément à la législation en la matière.

La Commission ne supporte aucune charge ou dépense en rapport avec le processus d'adoption internationale.

Article 15: Disposition abrogatoire

Les lignes directrices du 23 avril 2009 sur l'adoption internationale et toutes les lignes directrices antérieures contraires aux présentes lignes directrices sont abrogées.

Article 16: Entrée en vigueur

Les présentes lignes directrices entrent en vigueur le jour de leur signature.

Kigali, ku wa ... 10/08/2018

Kigali, on ... 10/08/2018

Kigali, le ... 10/08/2018

Nyirafari

NYIRASAFARI Espérance
 Minister of Gender and Family Promotion
 Umuryango



Nyirafari

NYIRASAFARI Espérance
 Minister of Gender and Family Promotion



Nyirafari

NYIRASAFARI Espérance
 Ministre du Genre et de la Promotion de la
 Famille

